**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE**

# RAPORO Y'IBIKORWA BY'UMWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018 BY'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE.

**Nyakanga, 2018**

**IBIKUBIYEMO**

AMAFOTO ........ 4
URUTONDE RW'IMPINE Z'AMAGAMBO ........ 5
1. INTANGIRIRO ........ 7
I.IBYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA WA 2017-2018 ........ 8
I.1 UBUKANGURAMBAGA ........ 8
I.2 KONGERERA ABAGORE UBUSHOBOZI. ........ 9
1.3 UBUVUGIZI ........ 9
IBIKORWA BYAKOZWE ........ 10
I. IMIYOBORERE MYIZA ........ 10
1. Umunsi mpuzamahanga w'Umugore wo mucyaro ........ 10
2. Ubukangurambaga bw'imiyoborere n'imibereho myiza mumuryango 2017 ........ 11
3. Umunsi mpuzamahanga w'umugore ........ 13
4. Iminsi cumi n'itandatu yahariwe ku rwanya ihohoterwa rikorerwa mu ngo ........ 17
5. Kwibuka Abagore n'abana bazize jenoside yakorewe abatutsi muri mata 1994 ........ 18
II. KONGERERA ABAGORE N'ABAKOBWAUBUSHOBOZI ........ 19
6. Ubukangurambaga mu gushishikariza Abagore n'Abakobwa kwitabira Amatora ya Perezida muri kanama 2018. ........ 22
7. Ubukangurambaga mu gushishikariza Abagore n'Abakobwa kwitabira Amatora y'Abadepite muri Nzeri 2018 ........ 22
II. UBUKUNGU ........ 29
1. Inama n'amakoperative Inama y'Igihugu yahaye igishoro ........ 29
III. IMIBEREHO MYIZA ........ 32
IV.IBIKORWA N'ABAFATANYA BIKORWA ........ 32
1. Ibikorwa byo kuremera ........ 32
2. Ubukangurambaga no gutanga ubutumwa ........ 33
V. IBIKORWA BYAKOZWE MU NTARA N'UMUJYI WA KIGALI ........ 33
1. UMUJYI WA KIGALI ........ 34
1. Ubukungu ........ 34
1. AKARERE KA GASABO ........ 34
2. AKARERE KICUKIRO ........ 35
3. KARERE KA NYARUGENGE ........ 36
1. KARERE KA NGOMA ........ 36
2. AKARERE KA GATSIBO ........ 38
3. AKARERE KA KAYONZA ........ 39

4. AKARERE KA NYAGATARE ..... 39
5. KARERE KA KIREHE ..... 41
6. AKARERE KA RWAMAGANA ..... 41
3. INTARA Y'AMAJYEPFO ..... 41
1. KARERE KA GISAGARA ..... 42
2. KARERE KA HUYE ..... 43
3. KARERE KA NYAMAGABE ..... 43
4. KARERE KA RUHANGO ..... 44
Ubukungu ..... 44
6. KARERE KA MUHANGA ..... 44
4. INTARA Y'AMAJYARUGURU ..... 45
1. AKARERE KA GICUMBI ..... 45
2. KARERE KA RULINDO ..... 46
3. KARERE KA MUSANZE ..... 46
4. KARERE KA GAKENKE ..... 47
5. KARERE KA BURERA ..... 47
5. INTARA Y'UBURENGERAZUBA ..... 48
NYAMASHEKE ..... 48
RUSIZI ..... 48
NGORORERO ..... 49
KARONGI ..... 50
RUTSIRO ..... 50
VI. IMBOGAMIZI ZAGARAGAYE ..... 52
1. Imbogamizi mu gutanga raporo ..... 52
2. Imbogamizi mu gutegura Inama ziteganywa n'itegeko ..... 52
VII. ICYAKORWA ..... 52
VIII. UMUSOZO ..... 52

**AMAFOTO**

Ifoto 1: Ifoto 8: Abana bafite ubumuga bw'ingingo bahawe amagare........................................ 10
Ifoto 2: *Madamu Jeanette KAGAME ashyigikira umuco mwiza wo kwiturana* ........................... 11
Ifoto 3: Madamu Jeanette KAGAME aha abana ibinini by'inzoka ............................................ 12
Ifoto 4: Ifoto 13: Abarangije amashuri y'ubumenyingiro bahawe ibikoresho by'ibanze............ 14
Ifoto 5: Abakobwa biga mu ishuri ry'umuziki rya Nyundo bagaragaje impano zabo................. 15
Ifoto 6: Mu Bubiligi, abanyarwanda bahatuye bijihije Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore..... 16
Ifoto 7: Amahugurwa ku Itegeko rikumira kandi rigahana ihohoterwa hamwe n'Itegeko rigenga abantu n'umuryango ................................................................................................. 18
Ifoto 8: Abacitse ku icumu batishoboye (abagore 4 n'abagabo 4) bahawe inka 8 zizabafasha kwiyubaka no gutera imbere.............................................................................................. 19
Ifoto 9: Abagore bitabiriye amahugurwa.................................................................................. 20
Ifoto 11: Abitabiriye Inama mu mujyi wa Kigali bashyiraho Morali.......................................... 25
Ifoto 12: Abitabiriye Inama Rusange isanzwe ya 16 bunguranye ibitekerezo kuri gahunda zashyirwa mu bikorwa mu guteza imbere umugore. .................................................................. 27
Ifoto 13: Perezida mushya w'Inama y'Igihugu y'Abagore Dr. Jeannette Bayisenge .................... 28
Ifoto 14: Ifoto y'urwibutso ya bamwe mu bahawe ibikoresho bari kumwe n'Abayobozi. ........... 31

**URUTONDE RW'IMPINE Z'AMAGAMBO**

***NST**: National Strategy for Transformation*

***CNF**: Conseil National des Femmes*

***NWC**: National Women's Council*

***Dr**: Doctor*

***UN**: United Nation*

***Frw**: Franc Rwandais*

***RDF**: Rwanda Defence Force*

***BDF**: Business Development Funds*

***IGP**: Inspector General of Police*

***RBC**: Rwanda Bio-medico Center*

***Mr**: Mister*

***MUAC**: Mid-Upper Arm Circumference*

***ETEKA**: Ecole Technique de Kabgayi*

***SACCO**: Saving and Credit Cooperative*

***AVEGA**: Association des Veuves du Génocide Agahozo*

***MINEDUC**: Ministry of Education*

***DRB**: Diaspora Rwandaise de Belgique*

***FFRP**: Forum des Femmes Rwandaises Parliamentaires*

***DUHAMIC**: DUHAranire Amajyambere y'ICyaro*

***AEE**: African Evangelistic Enterprise*

***PIH**: Partners In Health*

***UCF**: Union Cretienne Feminine*

***DASSO**: District Administrative Security Support Organ*

***E.S**: Ecole Secondaire*

***TSS**: Technical Secondary School*

***NCC**: National Commission for Children*

***NEP**: National Employment Program*

***RCS**: Rwanda Correctional Service*

***MIGEPROF**: Ministry of Gender and Family Promotion*

***YWCA**: Young Women's Christian Association*

***MTN****: Mobile Telephone Networks*

***BK****: Bank of Kigali*

***RWAMREC****: Rwanda Men's Resource Center*

***RBA****: Rwanda Broadcasting Agency*

***KT****: Kigali Today*

***TV****: Tele-Vision*

***BTN****: Big Television Network*

***UWA****: Umugoroba W'Ababyeyi*

***ICT****: Information and Communication Technologies*

***ECD****: Early Childhood Development*

***EAR****: Eglise Episcopale au Rwanda*

***GS****: Groupe Scolaire*

***EP****: Ecole Primaire*

***GMO****: Gender Monitoring Office*

***GBV****: Gender Based Violence*

***MUSA****: Mutuelle de Sante*

***TVET****: Technical and Vocational Education and Training*

# 1. INTANGIRIRO

Inama y’Igihugu y’Abagore ni ihuriro rigamije ubukangurambaga-rusange, kongerera ubushobozi abagore ndetse n'ubuvugizi. Ingingo ya 6 y'Itegeko No 10/02/2011 rigena Inshingano, Imiterere n'imikorere by'Inama y'Igihugu y'Abagore iteganyako iyi nama y'Igihugu igizwe n’inzego zikurikira:

- **Inama Rusange**: Urwego rukuru ruyobora kandi rufata ibyemezo by’Inama y’Igihugu y’Abagore,
- **Komite Nyobozi**: Urwego rushinzwe gushyira mu bikorwa ibyemezo by’Inama Rusange no guhuzaibikorwa byose by’Inama y’Igihugu y’abagore hamwe n’abandi bafatanyabikorwa,
- **Ubunyamabanga Nshingwabikorwa**: Urwego nshingwabikorwa rukorera ku rwego rw’Igihugu.Rushinzwe gukurikirana umunsi ku wundi ibikorwa by’Inama y’Igihugu y’Abagore ndetse n’ishyirwamu bikorwa ry’ibyemezo by’Inteko Rusange hamwe n’ibya Komite Nyobozi ku rwego rw’Igihugu.

Inama y’Igihugu y’Abagore ifite icyerekezo cy’uko habaho umuryango nyarwanda ugizwe n'abagabo n'abagore bafite uburenganzira n’amahirwe bingana.
Inama y’igihugu y’Abagore yakoze ibikorwa bitandukanye byo guteza imbere umugore mu mwaka w’Ingengo y’imari 2017/2018. Ibi bikorwa byateganyijwe bishingiye kuri gahunda kuri gahunda ya goverinoma y'imyaka irindwi (NST 1). Ku bufatanye n’abafatanyabikorwa, ibikorwa byateganyijwe mu ngengo y’imari 2017/2018 byibanda ku kongerera umugore ubushobozi, ubukangurambaga, no gukora ubuvugizi bw’Umugore kubibazo bitandukanye bimubangamiye mu iterambere.
Ibikorwa byateganyijwe muri gahunda y’Ibikorwa by’umwaka “*NWC Annual action plan 2017/18”* bishimangira ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y’ibikorwa ry’Imyaka itanu (5) ry’Inama y’Igihugu y’Abagore “*NWC Strategic plan 2015/2020”.*
Iyi raporo igaragaza ibyakozwe n’ibyagizwemo uruhare n’abagore **122,073** bagize inzego z’Inama y’Igihugu y’Abagore hashingiwe kuri gahunda ya goverinoma y'imyaka irindwi (NST 1) no ku nshingano n’intego by’Inama y’Igihugu y’Abagore.
Mu mwaka w’ingengo y’imari 2017-2018, Inama y’Igihugu yakoresheje amafaranga miliyoni **623, 912, 170**, bingana na **89.95%** bya miliyoni **693, 594, 364** Frw Inama y’Igihugu y’Abagore yari ifite nk’ingengo y’imari y’umwaka wa 2017-2018 ndetse no ku mushinga wa ***"Advancing and Sustaining Gender Equality Gains in Rwanda"*** ukorera mu Nama y’Igihugu y’Abagore uterwa inkunga na **UN-WOMEN** n'abandi bafatanyabikorwa.

**Kamanzi Jackline, Umunyamabanga Nshingwabikorwa**

# I.IBYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA WA 2017-2018

## I.1 UBUKANGURAMBAGA

Inama y'Igihugu y'Abagore ifite inshingano yo gukora ubukangurambaga kuri gahunda za Leta. Mu mwaka w'ingengo y'imari 2017/2018, ubukangurambaga bwakozwe binyuze mu bikorwa bitegurwa n'Inama y'Igihugu y'Abagore aribyo:

1. Amahugurwa y'Inzego z'Inama y'Igihugu y'Abagore kuva kurwego rw'Igihugu kugeza kurwego rw'umudugudu bwageze kubantu **2,432.**

2.Ubukangurambaga bw'imiyoborere n'imibereho myiza mu muryango 2017, bwahujwe no kwizihiza Umunsi mpuza mahanga w'Umugore wo mu cyaro bugera ku bantu **637,472** (abantu **327** baremewe inka, abantu **521** baremewe amatungo magufi, abantu **1,744** batangiwe ubwisungane mukwivuza, abantu **713** bakangurirwa kwitabira kwiga amashuri y'imyuga, abantu **12,632**, babanaga muburyo butemewe n'amategeko barasezeranye byemewe n'amategeko, abana **621,862** banditswe mu bitabo by'irangamimerere bari baracikanywe).

3. Ubukangurambaga bw'iminsi 16 yahariwe kurwanya ihohoterwa rikorerwa mungo, abantu **11,832** baganirijwe kw'itegeko n$^{0}$ **32/2016** ryo ku wa 28/08/2016 rigenga Abantu n'umuryango, ndetse n'itegeko n$^{o}$ **59/2008** ryo ku wa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Abantu barenga ibihumbi **5,000** bitabiriye urugendo rugamije kwamagana ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa abagore n'abakobwa ndetse n'amakimbirane mu miryango kurwego rw'igihugu.

4. Kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'Umugore kurwego rw'igihugu abantu **2,426** bagezweho n'ubukangurambaga bakangurirwa kurwanya umwanda, kwitabira kwiga amashuri y'imyuga no kurwanya imirire mibi n'igwingira ry'abana bato .

5. Gukurikirana imikorere y'Umugoroba w'Ababyeyi. Abantu basaga ibihumbi **10,594** bakanguriwe kugana ibigo byigisha ubumenyi ngiro, biga imyuga kugirango babone imirimo abandi bagire ubushobozi bwo kwihangira imirimo.

6. Abagore n'Abakobwa basaga **200,000** bakanguriwe kwitabira no kugira uruhare mu matora y'umukuru w'igihugu yabaye muri Kanama 2017.

7. Abagore **4,233** bahagarariye abandi mu Inama y'Igihugu y'Abagore kuva ku rwego rw'intara kugeza ku rwego rw'akagali muri buri ntara n'Umujyi wa Kigali , bashishikarijwe kwita kumikorere bita cyane ku kurwanya imirire mibi igaragara mu bana, kwimakaza umuco w'isuku mu muryango,no kurwanya gutwita kw'abangavu.

Bakanguriwe kuba umusemburo w'impinduka nziza mu migendekere y'amatora y'Abadepite ateganyijwe mu kwezi kwa Nzeri, bakangurira abanyarwanda gutora, kwiyamamariza gutorwa , kuba indorerezi z'amatora, no gutegura ibyumba by'itora n'amasite abakandida baziyamamarizaho.

Muri rusange ubukangurambaga bwageze kubantu **868, 989** mu gihugu hose**.**

Inama y'Igihugu y'Abgore yakoresheje ingengo y'imari ingana na miliyoni **623, 912, 170**. Bingana na **89.95%** bya miliyoni **693, 594, 364 Frw,** Inama y'Igihugu y'Abagore yari ifite nk'ingengo y'imari y'umwaka wa 2017-2018.

## I.2 KONGERERA ABAGORE UBUSHOBOZI.

Inama y'Igihugu y'Abagore ifite inshingano yo kongerera abagore ubushobozi mu ngingo zitandukanye.

Ni muri urwo rwego, Inama y'Igihugu y'Abagore yongerereye ubushobozi abagore ibihumbi bibiri magana ane mirongo itatu na babiri **(2,432)** binyuze ku guhugura abagize komite z'Inama y'Igihugu y'Abagore kuva ku rwego rw'Akarere kugeza ku kagali.

Inama y'Igihugu y'Abagore ku bufatanye na RDF muri gahunda yayo y'ibikorwa by'ingabo mu iterambere ry'Abaturage, gahunda ya "He For she" ndetse no guhanga imirimo mu karere ka Gakenke abantu **206** (**Abagore 91 n'Abagabo 115**) bahawe ibikoresho bifte agaciro ka miliyoni **99,463,750 Frw.**

Hakozwe inama nyunguranabitekerezo ku mikorere y'amakoperative yahawe igishoro n'Inama y'Igihigu y'Abagore ku nkunga ya UN WOMEN binyuze mu mushinga "Advancing and Sustaining Gender Equality Gains in Rwanda", yitabirwa n'abantu **152**. Iyo nama yari igamije kureba uko hazanozwa uburyo bwo gutoranya amakoperative mu gutanga inguzanyo kandi mbere y'uko hatoranywa amakoperative ahabwa amafaranga , habanza kugisha inama abahagarariye amakoperative mu Mirenge.

Mu kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'Umugore ku rwego rw'Igihugu wabereye mu karere ka Muhanga , kubufatanye na BDF, abantu bagera kuri **142** bahawe ibikoresho bifite agaciro ka **102,558,000 Frw( Abagore 76 n'abagabo 66).**

## 1.3 UBUVUGIZI

Inama y'Igihugu y'Abagore ifite inshingano ya gatatu (3) yo gukora ubuvugizi ku bibazo by'Ingutu byugarije abagore.Muri uyu mwaka, ubuvugizi bwakozwe hizihizwa iminsi mpuzamahanga y'umugore, iminsi 16 y'Ubukangurambaga ku kurwanya ihohoterwa ndetse no kwibuka abana n'abagore bazize Jenoside yakorewe abatutsi 1994. Inama y'Igihugu y'Abagore ikora ubuvugizi bw'Abagore binyuze mu guhagararira abagore mu nama zitandukanye zifata ibyemezo, ubuvugizi ku mishinga y'amategeko hashyigikirwa inyungu z'umugore, ubuvugizi mu nzego zishinzwe ku rwanya ihohotera iryariryo ryose no mu nzego ziharanira uburenganzira bwa muntu.

Ibyagezweho bigaragara muri raporo zihariye.

| II. IBIKORWA BY'INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018. | |
|---|---|
| **IBIKORWA BYAKOZWE** | **UMUSARURO BYATANZE** |
| **I. IMIYOBORERE MYIZA** | |
| **1. Umunsi mpuzamahanga w'Umugore wo mucyaro** | |
| Mu gihugu hose kuwa 11 ukwakira 2017, hizihijwe Umunsi mpuzamahanga w'umugore wo mu cyaro 2017 wizihijwe, ubusanzwe wizihizwa ku itariki ya 15 Ukwakira buri mwaka .<br>Ku rwego rw'Igihugu, ubukangurambaga bwatangirijwe mu Karere ka Kirehe, Umurenge wa Gatore, Akagari ka Nyamiryango, Umudugudu wa Karambi. | Muri uyu muhango Umushyitsi mukuru yari Madame wa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Jeannette KAGAME. Mukwizihiza uyu munsi ababyeyi barushijeho kumenya inshingano zabo zo kurera , Abagabo nabo bakanguriwe kugira uruhare mw'iterambere ry'imiryango yabo byumwihariko, no guteza imbere ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye. Abana 15 baturuka mu miryango itishoboye bahawe amagare azajya abafasha kugenda.<br><br>**Ifoto 1: Ifoto 8: Abana bafite ubumuga bw'ingingo bahawe amagare** |

| **II. IBIKORWA BY'INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018.** | |
|---|---|
| **IBIKORWA BYAKOZWE** | **UMUSARURO BYATANZE** |
| **2. Ubukangurambaga bw'imiyoborere n'imibereho myiza mumuryango 2017** | |
| Ubukangurambaga bw'imiyoborere n'imibereho myiza mu muryango 2017 (Bwahujwe no wizihiza Umunsi mpuza mahanga w'Umugore wo mucyaro). Ubukangurambaga bwageze ku bantu ibihumbi **637,799.** | Hakozwe ibikorwa bitandukanye birimo:<br>- Guha ingufu Umugoroba w'Ababyeyi<br>-Ubukangurambaga bwo kwita kubana bafite ubumuga, Gukumira ihohoterwa, Kwita kumuriremyiza, isuku, n'ibindi.<br>- Hanatanzwe inka **327** muri gahunda ya girinka, ku miryango itishoboye, amatungo magufi **52**1, abantu **1,744** batishoboye bishyuriwe ubwisungane mu kwivuza, ibigo mbonezamikurire **40** birubakwa. **713** bari baracikirije amashuri basubiye kwiga imyuga, bibumbira mu makoperative **34.** Ababyeyi babanaga badasezeranye **12,632** nabo barasezeranye, abana banditswe mu bitabo by'irangamimerere bari baracikanywe bagera kuri **621,862**.<br><br>**Ifoto 2:** ***Madamu Jeanette KAGAME ashyigikira umuco mwiza wo kwiturana*** |

| II. IBIKORWA BY'INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018. | |
|---|---|
| **IBIKORWA BYAKOZWE** | **UMUSARURO BYATANZE** |
| | Mu kwihiza umunsi mpuzamahanga w'umugore wo mucyaro hatangijwe icyumweru cy'ubuzima.<br>Mugutangiza icyumweru cy'ubuzima umushyitsi mukuru yakoze umuhango wo guha abana ikinini cy'inzoka, gukingira, kuboneza urubyaro, gupima abana MUAC; mu rwego rwo gutanga urugero rwiza rwo kurinda abana indwara igihe bakiri bato, ababyeyi bakubahiriza kubahesha inkingo ku gihe kuko ari kimwe mu burenganzira bw'umwana.<br><br>**Ifoto 3: Madamu Jeanette KAGAME aha abana ibinini by'inzoka** |

| II. IBIKORWA BY'INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018. | |
|---|---|
| **IBIKORWA BYAKOZWE** | **UMUSARURO BYATANZE** |
| **3. Umunsi mpuzamahanga w'umugore** | |
| Tariki ya 08 Werurwe 2018, mu gihugu hose hizihijwe umunsi mpuzamahanga w'umugore 2018, insanganyamatsiko yatoranijwe iragira iti: **"*Munyarwandakazi, komeza umurava mu iterambere twubake u Rwanda twifuza*".**kurwego rw'igihugu bibera mu Karere ka Muhanga, Umurenge wa Shyogwe, Akagali ka Kinini, Umudugudu wa Musezero. | Abagore n'Abakobwa bakanguriwe kugana amashuri y'Imyuga n'ubumenyi ngiro(TVET) ndetse no guha ibikoresho by'ibanze bamwe mu barangije kwiga mu mashuri y'ubumenyingiro.<br>Kuri uwo munsi abagera kuri **142**(Abagore **76** n'abagabo **66**), nibo bahawe ibikoresho bifite agaciro ka miliyoni **102,558,000** Frw. Abakobwa **10** batsinze neza amashuri yisumbuye bahembwe buri wese mudasobwa igendanwa, amafranga ibihumbi makumyabiri (**20 000** Frw) buri wese n'icyemezo cy'ishimwe.<br>Mu kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umugore hakozwe ibikorwa binyuranye. Mu Turere n'imirenge hakozwe ibikrwa byo kuremera imiryango itishoboye bifite agaciro k'amafaranga y'u Rwanda Miliyoni **76,531,460** . |

| **II. IBIKORWA BY’INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018.** | |
|---|---|
| **IBIKORWA BYAKOZWE** | **UMUSARURO BYATANZE** |
| | <br>**Ifoto 4: Ifoto 13: Abarangije amashuri y’ubumenyingiro bahawe ibikoresho by’ibanze**<br>Ibirori byo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w’Umugore, byasusurukijwe n’urubyiruko rwiga mu ishuri rya Muzika ryahoze ku Nyundo mu Karere ka Rubavu ubu ryimukiye mu Karere ka Muhanga.<br>Ishuri rya Nyundo School of Music naryo ni ishuri ryigisha ubumenyingiro, kuko gukora umuziki ni umwuga ubeshaho abawukora kandi nabo bakajya ku isoko ry’umurimo hakurikijwe impano n’ibihangano byabo. |

| II. IBIKORWA BY’INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018. | |
|---|---|
| **IBIKORWA BYAKOZWE** | **UMUSARURO BYATANZE** |
| |  **Ifoto 5: Abakobwa biga mu ishuri ry’umuziki rya Nyundo bagaragaje impano zabo** Umunsi mpuzamahanga w’umugore wizihijwe no hanze y’u rwanda. Abanyarwanda baba mu Bubiligi bizihije Umunsi Mpuzamahanga w’Umugore, mu muhango wabereye muri Ambasade y’u Rwanda muri iki gihugu, ku wa 10 werurwe 2018. |


| II. IBIKORWA BY’INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018. | |
|---|---|
| **IBIKORWA BYAKOZWE** | **UMUSARURO BYATANZE** |
| |  **Ifoto 6: Mu Bubiligi, abanyarwanda bahatuye bijihije Umunsi Mpuzamahanga w’Umugore** |
| | |


| II. IBIKORWA BY'INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018. | |
|---|---|
| **IBIKORWA BYAKOZWE** | **UMUSARURO BYATANZE** |
| **4. Iminsi cumi n'itandatu yahariwe ku rwanya ihohoterwa rikorerwa mu ngo** | |
| Mu gihugu hose, kuva kuwa 11 Ukwakira kugera kuwa 10 Ukuboza 2017 hatangijwe ubukangurambaga bw'Iminsi Cumi n'Itandatu y'Ubukangurambaga ku kurwanya Ihohoterwa rikorerwa mu ngo. | Inama y'igihugu y'Abagore ku bufatanye na Minisiteri y'Ubutabera yateguye amahugurwa ku Itegeko ***nº59/2008*** ryo ku wa ***10/09/2008*** rikumira kandi rigahana ihohoterwa rishigiye ku gitsina no ku itegeko ***nº32/2016*** ryo ku wa ***28/08/2016*** rigenga abantu n'umuryango. Amahugurwa yatanzwe n'Impuguke ku mategeko baturutse muri Minisiteri y'Ubutabera. Ni amahugurwa yagenewe abantu **451** bose hamwe. Abitabirye amahugurwa ni **317 (38 mu mujyi wa Kigali, 86 mu ntara y'Iburasirazuba, 98 mu ntara y' amajyepfo ndetse na 95 mu ntara amajyaruguru).** Abitabiriye amahugurwa ku Itegeko rihana kandi rikumira ihohoterwa rishingiye ku gitsinano ku itegeko rigenga Abantu n'umuryango barabikunze cyane. Byatumye basobanukirwa ku burenganzira bahabwa n'ayo mategeko, nabo bakaba bafashe umuhigo wo kubikangurira abandi. Byatumye kandi bazashobora kumenyesha Abagore bashinzwe muri rusange inzira bagomba kunyuramo barenganurwa kugira ngo bashobore kubaho batekanye. |

| **II. IBIKORWA BY’INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018.** | |
|---|---|
| **IBIKORWA BYAKOZWE** | **UMUSARURO BYATANZE** |
| | <br>**Ifoto 7: Amahugurwa ku Itegeko rikumira kandi rigahana ihohoterwa hamwe n’Itegeko rigenga abantu n’umuryango** |
| **5. Kwibuka Abagore n’abana bazize jenoside yakorewe abatutsi muri mata 1994** | |
| kwibuka Abana n’Abagore bazize genocide yakorewe abatutsi muri mata 1994. Iki gikorwa cyabereye mu gihugu hose, ku rwego rw’ Igihugu, cyabereye mu Karere ka Busesera, Umurenge wa Nyamata, | Habayeho ibiganiro kurwego rwa buri karere.<br>-Gusukura no gusura inzibutso zishyinguyemo imibiri y’abazize jenoside yakorewe abatutsi muri mata 1994<br>-Gusura no kuganiriza abapfakazi, inshike n’imfubyi barokotse jenoside yakorewe abatutsi muri mata 1994. |

| II. IBIKORWA BY’INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018. | |
|---|---|
| **IBIKORWA BYAKOZWE** | **UMUSARURO BYATANZE** |
| Akagari ka Kayumba, mu mudugudu wa Karambi Kuwa 13 Gicurasi 2018. | -Habayeho igikorwa cyo kuremera abacitse ku icumu rya Jenocide yakorewe abatutsi 1994 batishoboye ibintubifite agaciro kamiliyoni 40,948,395.  **Ifoto 8: Abacitse ku icumu batishoboye (abagore 4 n’abagabo 4) bahawe inka 8 zizabafasha kwiyubaka no gutera imbere** |
| **II. KONGERERA ABAGORE N’ABAKOBWAUBUSHOBOZI** | |
| Hakozwe amahugurwa ya Komite z’Inama y’Igihugu y’Abagore kuva ku rwego rw'intara n'umujyi wa Kigali ku geza ku | Abagize Komite za CNF 553 ( 157 mu ntara y'amajyepfo, 120 mu ntara y'amajyaruguru, 97 mu ntara y'iburengerazuba, 134 mu ntara y'iburasirazuba ndetes na 45 mu mujyi wa Kigali).Abitabiriye amahugurwa basobanukiwe**:** |

| II. IBIKORWA BY'INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018. | |
|---|---|
| **IBIKORWA BYAKOZWE** | **UMUSARURO BYATANZE** |
| rwego rw'akarere. | **1.** Uruhare rw'umugore mu miyoborere ***(Leadership)*** no kubaka u Rwanda twifuza nokugaragaza uruhare abagore bagize mu kubohora igihugu cyacu, aho kigeze kiyubaka, inzitizi zikigaragara n'icyakorwa,<br>2. Inshingano z'Inama y'Igihugu y'Abagore ,imikorere n'imikoranire<br>3. gukumira no kurwanya ihohoterwa<br>4. gahunda ya NEP<br><br>**Ifoto 9: Abagore bitabiriye amahugurwa** |

| II. IBIKORWA BY'INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018. | |
|---|---|
| **IBIKORWA BYAKOZWE** | **UMUSARURO BYATANZE** |
| Hakozwe amahugurwa ya Komite z'Inama y'Igihugu y'Abagore kuva ku rwego rw'umurenge kugera ku rwego rw'akagali kuva tariki ya 20 kugeza 30 Ugushyingo 2017. | Abagize Komite za CNF 2,432 (157 mu ntara y'amajyepfo, 120 mu ntara y'amajyaruguru, 97 mu ntara y'iburengerazuba, 134 mu ntara y'iburasirazuba ndetes na 45 mu mujyi wa Kigali)<br>Abitabiriye amahugurwa basobanukiwe**:**<br>1.Uruhare rw'umugore mu miyoborere ***(Leadership)*** no kubaka u Rwanda twifuza nokugaragaza uruhare abagore bagize mu kubohora igihugu cyacu, aho kigeze kiyubaka, inzitizi zikigaragara n'icyakorwa,<br>2. Inshingano z'Inama y'Igihugu y'Abagore ,imikorere n'imikoranire<br>3. gukumira no kurwanya ihohoterwa<br>4. gahunda ya NEP<br> |

| II. IBIKORWA BY’INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018. | |
|---|---|
| **IBIKORWA BYAKOZWE** | **UMUSARURO BYATANZE** |
| |   |
| **6. Ubukangurambaga mu gushishikariza Abagore n’Abakobwa kwitabira Amatora ya Perezida muri kanama 2018.** | |
| Ubukangurambaga mu gihugu hose mu gushishikariza Abagore n’Abakobwa kwitabira amatora ya Perezida yabaye muri Kanama 2018. | Abagore barenga ibihumbi **200,000** bagize uruhare rukomeye mugikrwa cy’amatora ya Perezida yabaye mu kwa munani 2017. Abagore babaye abaseseri mumatora, abagore babaye indorerezi.Abagore bagize uruhare mugutegura ahazabera amatora (Ibyumba by’itora). |
| **7. Ubukangurambaga mu gushishikariza Abagore n’Abakobwa kwitabira Amatora y’Abadepite muri Nzeri 2018** | |
| Habaye Umwiherero w'Inama y'Igihugu y'Abagore n'Abahuzabikorwa b'Inama y'Igihugu y'Abagore kurwego rw’Igihugu yabaye ku wa 24 werurwe 2018. | Abagore biyemeje guhindura imyumvire n’imikorere bita cyane ku kurwanya imirire mibi igaragara mu bana, kwimakaza umuco w’isuku mu muryango, no kurwanya gutwita kw’abangavu,<br><br>Biyemeje kuba umusemburo w’impinduka nziza mu migendekere y’amatora y’Abadepite ateganyijwe mu kwezi kwa Nzeli bakangurira abanyarwanda gutora, kwiyamamarizagutorwa, kuba indorerezi |

| II. IBIKORWA BY’INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018. | |
|---|---|
| **IBIKORWA BYAKOZWE** | **UMUSARURO BYATANZE** |
| Amahugurwa yitabiriwe n'Abagore **398**kuri 481 bari batumiwe. | z’amatora, no gutegura ibyumba by’itora n’aho abakandida biyamamariza (sites);<br><br>Biyemeje gukangurira abagore kwirinda kurwanya ibyaha birimo icuruzwa n’ikoreshwa ry’ibiyobyabwenge, kurwanya ihohoterwa rikorerwa abagore mu miryango yabo, kurwanya icuruzwa ry’abantu,n’ inda z’abangavu;<br><br>Biyemeje kurwanya ubunebwe mu muryango, guharanira ko gahunda za Leta zishyirwa mu bikorwa aho batuye, gutegura urubyiruko kugira ngo rwigishwe kandi rumenye inshingano zarwo hakiri kare.<br><br><br>**Ifoto 10: Abagore barimo guhabwa impanuro na Minisitiri w'ingabo Gen. James Kabarebe.** |

| II. IBIKORWA BY’INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018. | |
|---|---|
| **IBIKORWA BYAKOZWE** | **UMUSARURO BYATANZE** |
| Inama y'Inama y'Igihugu y'Abagore yabereye mu ntara n’Umujyi wa Kigali yahuje Abagore bahagarariye abandi **(**Amajyepfo n’Amajyaruguru **kuwa 30 Werurwe 2018,** Iburasirazuba **kuwa 20 Mata 2018,** Uburengerazuba **kuwa 25 Mata 2018,** Umujyi wa Kigali<br><br>Kuwa 25 Gicurasi 2018) | Abagore 2,034 biyemeje guhindura imyumvire n’imikorere bita cyane ku kurwanya imirire mibi igaragara mu bana, kwimakaza umuco w’isuku mu muryango, no kurwanya gutwita kw’abangavu.<br><br>Biyemeje kuba umusemburo w’impinduka nziza mu migendekere y’amatora y’Abadepite ateganyijwe mu kwezi kwa Nzeli bakangurira abanyarwanda gutora, kwiyamamarizagutorwa, kuba indorerezi z’amatora, no gutegura ibyumba by’itora n’aho abakandida biyamamariza (sites).<br><br>Biyemeje gukangurira abagore kwirinda kurwanya ibyaha birimo icuruzwa n’ikoreshwa ry’ibiyobyabwenge, kurwanya ihohoterwa rikorerwa abagore mu miryango yabo, kurwanya icuruzwa ry’abantu n’inda z’abangavu.<br><br>Biyemeje kurwanya ubunebwe mu muryango, guharanira ko gahunda za Leta zishyirwa mu bikorwa aho batuye, gutegura urubyiruko kugira ngo rwigishwe kandi rumenye inshingano zarwo hakiri kare. |

| II. IBIKORWA BY'INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018. | |
|---|---|
| **IBIKORWA BYAKOZWE** | **UMUSARURO BYATANZE** |
| |  **Ifoto 11: Abitabiriye Inama mu mujyi wa Kigali bashyiraho Morali** |
| Hakozwe ibiganiro kuri RadioKigali Today, RBA, Authentic Radio na Televiziyo mugushishikariza Abagore n'Abakobwa kwitabira gahunda za leta. Ibyo biganiro byari bifite inanganyamatsiko igira | Abagore n'Abakobwa basobanukiwe inyunguziri mu kwitabira amasomo y'imyuga n'ubumenyingiro. |

| II. IBIKORWA BY’INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018. | |
|---|---|
| **IBIKORWA BYAKOZWE** | **UMUSARURO BYATANZE** |
| iti ”***Umugore n’umukobwa mu kwitabira amasomo y’imyuga n’ubumenyingiro”*** | |
| Inama rusange ya 17 y’Inama y’Igihugu y’Abagore ku Rwego rw’Igihugu yabereye **Kigali, kuwa 29 Nzeri 2017.** | Abitabiriye Inama rusange ya 16 y’Inama y’Igihugu y’Abagore ku Rwego rw’Igihugu uko ari **69** kuri **72** biyemeje :<br><br>Gukomeza gushyira imbaraga mu kunoza imikorere y’Umugoroba w’Ababyeyi,<br><br>Gukomeza gushyira imbaraga mu kwigisha imiryango ku Ihame ry’Uburinganire,<br><br>Gukomeza gukangurira abagore kwiyamamaza mu myanya yose ifatirwamo ibyemezo,<br><br>Gukomeza gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry’Imihigo ya Mutimawurugo no kugaragaza umusaruro byagezeho,<br><br>Hemejwe ko Komite Nyobozi y’Inama y’Igihugu y’Abagore ku rwego rw’Igihugu yafata umwanzuro kuri gahunda y’IGISEKE, ikazawumenyesha abagize Inama Rusange n’izindi nzego. |

| II. IBIKORWA BY'INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018. | |
|---|---|
| **IBIKORWA BYAKOZWE** | **UMUSARURO BYATANZE** |
| | <br>**Ifoto 12: Abitabiriye Inama Rusange isanzwe ya 16 bunguranye ibitekerezo kuri gahunda zashyirwa mu bikorwa mu guteza imbere umugore.** |

| II. IBIKORWA BY’INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018. | |
|---|---|
| **IBIKORWA BYAKOZWE** | **UMUSARURO BYATANZE** |
| Inama Rusange idasanzwe y’Inama y’Igihugu y’Abagore ku rwego rw’igihugu yabereye i Kigali, kuwa 24 Kamena 2018, yitabirwa n'Abagore 40. | Inama Rusange idasanzwe y’Inama y’Igihugu y’Abagore yatoye Perezida mushya, usimbura uwari usanzwe wahawe izindi nshingano. Hatowe **Dr Jeannette Bayisenge** watowe n’abantu 35 kuri 40 batoye bingana na 87.5% naho uwo bari bahanganye ariwe Madamu Uwitonze Modesta atorwa n’abantu 5 bangana na 12.5%. Dr Jeannette Bayisenge yasimbuye Madame Francoise Uwumukiza wahawe izindi nshingano.  **Ifoto 13: Perezida mushya w'Inama y'Igihugu y'Abagore Dr. Jeannette Bayisenge** |

| II. IBIKORWA BY’INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018. | |
|---|---|
| **IBIKORWA BYAKOZWE** | **UMUSARURO BYATANZE** |
| Hakozwe Inama idasanzwe y’Inama y’Igihugu y’Abagore kugera kurwego rw’Imidugudu. | Abagore biyemeje : Gukangurira ababyeyi kwitabira Umugoroba w’Ababyeyi, hagatangwa amakuru y’ibibazo biri mu mudugudu, kandi raporo y’aho bigeze bikemuka itangwe ku nzego zose,<br><br>CNF yiyemeje gukomeza kugira uruhare ntagereranwa mu gutegura no gushyira mu bikorwa amatora y’abadepite mu gukangurira abandi kuyitabira, gutanga kandidatire, kwamamaza bagenzi bacu, gutegura site z’amatora no gutora neza no gufasha abatowe kugera ku nshingano zabo, |
| **II. UBUKUNGU** | |
| **1. Inama n’amakoperative Inama y’Igihugu yahaye igishoro** | |
| Inama nyunguranabitekerezo ku mikorere y’amakoperative yahawe igishoro n’inama y’igihigu y’abagore ku nkunga ya UN WOMEN binyuze mu mushinga ”Advancing and Sustaining Gender Equality Gains in Rwanda”. Inama yabereye Kigali, **kuwa 05/05/2018**, yitabiriwe n'abantu **152** kuri **222** bari batumiwe. | 1. Hemejwe ko hazanozwa uburyo bwo gutoranya amakoperative mu gutanga inguzanyo kandi mbere y’uko hatoranywa amakoperative ahabwa amafaranga, habanza kugisha inama abahagarariye amakoperative mu Mirenge;<br>2. Hasabwe ko amakoperative yakoze neza yakongera guhabwa amafaranga, ibi bikazakorwa nyuma yo gukorana inama n’Ubuyobozi bw’Uturere aya mafaranga aherereyemo;<br>3. Hemejwe ko hazarebwa ko abamaze kwishyura hari ibikorwa bibyara inyungu bifatika byatuma hemezwa kongera guhabwa amafaranga;<br>3. Hemejwe ko hategurwa inama muri buri Karere hagashyirwaho ingamba zifatika zo gukomeza kwishyuza abatarishyura, gukomeza kubaka ubushobozi bwabo no kurebera hamwe ibizibandwaho mu guhitamo abazongera guhabwa igishoro;<br>4. Hasabwe ko hategurwa inama yihariye mu Mujyi wa Kigali kubera ko hari ibibazo byihariye. Iyi nama ikazahuza ubuyobozi bw’Inama y’Igihugu y’Abagore , Abanyamabanga Nshingwabikorwa |

| II. IBIKORWA BY’INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018. | |
|---|---|
| **IBIKORWA BYAKOZWE** | **UMUSARURO BYATANZE** |
| | n’abakozi bashinzwe amakoperative mu Mirenge irimo amakoperative yaremewe, Ubuyobozi bw’Umujyi wa Kigali , Ayobozi b’Uturere ndetse n’abayobozi ba SACCO , iyi nama igategurwa mu gihe cya vuba;<br>5. Hifujwe ko mu Mujyi wa Kigali twakwiha igihe cy’amezi atandatu kugira ngo babe bamaze kwishyuza;<br>6. Hemejwe ko abakozi bashinzwe uburinganire bo mu Turere turimo amakoperative yahawe igishoro aritwo: Gasabo, Kicukiro, Nyarugenge , Nyaruguru, Nyamagabe , Gisagara, Ruhango, Rutsiro, Karongi na Ngororero bazohereza raporo igaragaza uko amakoperative ahagaze, amafaranga amaze kwishyurwa n’ingamba zo gukomeza kwishyuza asigaye bitarenze kuwa gatanu ku itariki ya 18/05/2018 kugira ngo ariyo izashingirwaho mu gufata icyemezo cy’abo azahabwa;<br>7. Hamejwe ko imyanzuro yafashwe izashyirwa mu bikorwa nyuma yo kujya inama n’Abayobozi b’Uturere ndetse n’izindi nzego bityo Inama y’Igihugu y’Abagore ikazandikira Uturere ibabwira uko amafaranga yishyuwe azakoreshwa. |
| Ubukangurambaga bwakozwe kuva 14 kugera 23 Gashyantare 2018 mu gihugu hose mu gushishikariza abagore n'abakobwa kwitabira gahunda ya NEP-Kora wigire. | Abagore biyemeje gufasha abo bahagarariye gushyira imbaraga mu kongerera agaciro ibyo bakora mu rwego rwo guhanga inganda zitanga akazi kandi zongera umusaruro,<br>kwitabira kwiga imyuga kubagore n’Abakobwa.<br>Hatanzwe ibikoresho ( Toolkits ) kubize imyuga bagakora imishinga binyuze muri gahunda ya BDF.<br>Abantu bagera ku 1,383(Abagore 1,104 , Abagabo 279) biyandikishije kwiga imyuga. |
| | Binyuze m’Umugoroba w’Ababyeyi Abagore n'Abakobwa 12,434 bashishikarijwekwitabira gahundaza NEP-Kora wigire cyane cyane kugana amashuri y’imyuga. |

| **II. IBIKORWA BY'INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018.** | |
|---|---|
| **IBIKORWA BYAKOZWE** | **UMUSARURO BYATANZE** |
| | Inama y'Igihugu y'Abagore ku bufatanye na RDF muri gahunda yayo y'ibikorwa by'ingabo mu iterambere ry'Abaturage, gahunda ya "HeForshe" ndetse no guhanga imirimo, hateguwe igikorwa cy'ubukangurambaga ku kwitabira kwiga imyuga ndetse no gutanga ibikoresho ( Toolkits ) kubayize bagakora imishinga binyuze muri gahunda ya BDF. Abantu 206 (Abagore 91 n'Abagabo115) bo mu karere ka Gakenke kuwa 18 Gicurasi 2018bahawe ibikoresho bifte agaciro ka miliyoni 99,463,750Frw. <br>   <br> **Ifoto 14: Ifoto y'urwibutso ya bamwe mu bahawe ibikoresho bari kumwe n'Abayobozi.** |

| II. IBIKORWA BY’INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018. | |
|---|---|
| **IBIKORWA BYAKOZWE** | **UMUSARURO BYATANZE** |
| **III. IMIBEREHO MYIZA** | |
| Hakozwe igikorwa cyo gukurikirana imikorere y’Umugoroba w’Ababyeyi 2017-2018 mu turere 30, hasuwe imikorere y'Umugoroba w'Ababyeyi, aho hasurwaga Umudugudu umwe muri buri Karere.. | Abagore n'Abakobwa bakanguriwe kugana ibigo byigisha ubumenyi ngiro, biga imyuga kugirango babone imirimo ku isoko.<br>Bagaragaje imbogamizi zikigaragara mu mikorere y'Umugoroba w'Ababyeyi. Muri iki gikorwa imidugudu 10,594 niyo ikora neza Umugoroba w’Ababyeyi. |
| Mu turere 30 hakozwe Inama ziteganywa n'itegeko z'Inama y'Igihugu y'Abagore.Kurwego rw'Igihugu hakozwe inama zikurikira: Inama Rusange, Inama ya Biro, Inama ya komite nyobozi, Inama ya komite ngenzuzi. | |
| **IV.IBIKORWA N’ABAFATANYA BIKORWA** | |
| **1. Ibikorwa byo kuremera** | |
| Fondazione Macergaglia | Mu karere ka Bugesera mu murenge wa Rilima Fondazione Macergaglia yaremeye imiryango itishoboye:Inzu 3, Ibikoresho by’ubuhinzi,Inka, Ihene,Mutuelle de Sante, Bourses za Kaminuza bifite agaciro ka miliyoni **57,905,000** z'amafaranga y'u rwanda**.** |
| Handicap International | Mu karere ka Rutsiro mu murenge wa BonezaHandicap International yatanze Imashini zo kudoda 8 n’ibikoresho by’ubudozi bifite agaciro ka miliyoni 2,645,100 frw |
| World Vision | Mukarere ka Bugesera, mu murenge wa NyamataWorld Vision yatanzeAmashashi y’inka 8 n’amabati 33 yaremewe abagore barokotse Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 bifite agaciro ka miliyoni 3,000,000 frw. |
| AVEGA | Mu karere ka Muhanga mu rwego rwo kwizihiza umunsi mpuzamahanga w’umugore 2018AVEGA |

| **II. IBIKORWA BY'INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018.** | |
|---|---|
| **IBIKORWA BYAKOZWE** | **UMUSARURO BYATANZE** |
| | yatanze Imashini 5 ziboha imipira zifite agaciro ka miliyoni 1,000,000 frw. |
| BDF | Mu karere ka Gakenke, Kuwa 18 Gicurasi 2018BDF yatanze ibikoresho by'ibanze (Toolkits) zifite agaciro ka miliyoni 99,000,000 frw zahawe abantu**206** ( **Abagore 91 n'Abagabo 115**) barangije kwiga amashuri y'imyuga. |
| MTN | Mu karere ka HuyeMTN yemereye miliyoni **6,500,000**Abagore **50** basanzwe bakora ubucuruzi bwo mu muhanda bibumbiye mu itsinda "Twizerane"bazahabwa igishoro hagamijwe kugirango bajye gukorera mu isoko ryemewe n'amategeko kandibakorere muri koperative. |
| BK | Mu Karere ka Gisagara BK yemereye miliyoni 10,000,000 frw Abagore 85 barangije kwiga imyuga yo kudoda no kuboha imipira bazahabwa ibikoresho by'imyuga kugirango batangire kubyaza inyungu imyuga bize. |
| **2. Ubukangurambaga no gutanga ubutumwa** | |
| ACTION AID | Mu karere ka MuhangaACTION AID yatanze Imipira 1,000(round neck) iriho insanganyamatsiko yo ku munsi mpuzamahanga w'umugore, ifite agaciro ka miliyoni 5,000,000 frw. |
| RWAMREC | Mu karere ka MuhangaRWAMREC yatanze Imipira70(round neck) iriho insanganyamatsiko yo ku munsi mpuzamahanga w'umugore, ifite agaciro k'ibihumbi 350,000 frw. |
| OXFAM | Mu karere ka Muhanga OXFAM yatanze Imipira 200 (Polo neck) iriho insanganyamatsiko yo ku munsi mpuzamahanga w'umugore, ifite agaciro ka miliyoni 3,000,000 frw. |
| **V. IBIKORWA BYAKOZWE MU NTARA N'UMUJYI WA KIGALI** | |

| II. IBIKORWA BY'INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018. | |
|---|---|
| **IBIKORWA BYAKOZWE** | **UMUSARURO BYATANZE** |

**1. UMUJYI WA KIGALI**

**1. Ubukungu**

Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'umujyi wa Kigali yakurikiranye inahugura abagore bagize amakoperative yaremewe n'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Umujyi wa Kigali. Amakoperative 24 yahuguwe ku mikorere y'amakoperative no gutegura no gucunga imishinga ibyara inyungu muriyo **, amakoperative 12** yaremewe **miliyoni 30,000,000** y'amafaranga y'u Rwanda mu rwego rwo kubafasha kwagura ibikorwa byabo.

**2. Imiyoborere myiza**

Hakozwe amahugurwa ya Komite z'Umugoroba w'Ababyeyi bo mu Midugudu yo mu mirenge 14 ariyo : Nyakabanda, Kanyinya , Muhima, Nyamirambo, Remera. Abagize Komite z'Umugoroba w'Ababyeyi basobaanukiwe uko Umugoroba w'Abyeyi ukorwa, icyo ugamije n'inshingano zabo.

**Abagore 27** bagize Komite z'Umujyi wa Kigali n'iz'Uturere bahawe amahugurwa kuri **"Leadership na Public speaking"** byakozwe ku bufatanye na PROFEME TWESE HAMWE, abitabiriye amahugurwa basobanukiwe imyitwarire yabo nk'abayobozi n'uburyo kwo kuvuga mu ruhame.

**1. AKARERE KA GASABO**

1. Hakozwe ubukangurambaga mu kwishyiriraho igiceri program, aho Abagore 412 bakusanyije miliyoni 14,420,000 z'amafaranga y'u Rwanda.

2. Hakozwe ubukangurambaga bwo gushishikariza abagore n'abakobwa gukorana n'ibigo by'imari no gukora imishinga ibyara inyungu, muri ubwo bukangurambaga, Ibimina 125 by'abagore byafunguje binabitsa muri SACCO, Abagore 136 bafunguje konti muri Sacco , bizigamira 1100 buri cyumweru, Abagore 25 bacururizaga mu muhanda babivuyemo , bishyize hamwe bakora umushinga wo gukora amandazi, Amakoperative 15 agizwe n'abagore 218 yatewe inkunga n'Inama y'Igihugu y'Abagore ku rwego rw'Igihugu yarasuwe agirwa inama.

3. Hakozwe ubuvugizi ku bagore bari barambuwe amasambu, abagore 5 basubizwa amasambu yabo.

| II. IBIKORWA BY'INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018. | |
|---|---|
| **IBIKORWA BYAKOZWE** | **UMUSARURO BYATANZE** |

4. Hakozwe ubukangurambaga ku bagore 3,220 ku gushyiraho ibigo mbonezamikurire y'abana bato (ECD).

5. Hakozwe ubukangurambaga ku gutegura indyo yuzuye, muri ubu bukangurambaga hashyizweho igikoni cy'umudugudu, abagore 6000 bashyizeho gahunda yo guteka buri wese agira umunsi we wo guteka.

**2. AKARERE KICUKIRO**

1. Imiryango itishoboye yahawe ibintu, amatungo ndetse n'amafaranga bifite agciro ka miliyoni **3,068,450** z'amafaranga y'u Rwanda.

2. Abagore n'abakobwa bakanguriwe kwizimaga no kugurizanya bakora imishinga ibyara inyungu bise igiceri program, kuburyo muri iyo gahunda Abagore bo mu Mirenge itandukanye bamaze gukusanya **32,672,000** z'amafaranga y'u Rwanda.

3. Abagore basaga **500** bahuguwe muri ICT

4. Abagore **70** bitabiriye ibiganiro kuri gahunda ya "Ndi Umunyrwanda".

5. Hakozwe ubukangurambaga ku kuboneza imirire mu miryango, muri ubu bukangurambaga abana **23** bari mu mutuku no mu Muhondo bo mu Kagali ka Kagunga boherejwe mu Kigo nderabuzima kugira ngo bafashwe, imiryango ifite abo bana yubakirwa uturima tw'igikoni. Hatanzwe imigina y'ibihumyo **400**.

6. Hakozwe ubukangurambaga ku kurwanya guta ishuri kw'abana n'ubuzererezi, Habaruwe abana **30** mu Murenge wa Gikondo basubizwa mu miryango, Abana b'abakobwa **8** bakoraga umwuga w'uburaya bajyanwe mu mshuri y'imyuga, Abama **12** basubijwe mu ishuri, Abana **15** basibijwe mu ishuri.

7. Hakozwe ubukangurambaga bwo gukangurira abagore gukoresha Gaz, Abagore **510** baguze gaz.

| II. IBIKORWA BY'INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018. | |
|---|---|
| **IBIKORWA BYAKOZWE** | **UMUSARURO BYATANZE** |

**3. KARERE KA NYARUGENGE**

1. Hakozwe ubukanguraambaga ku kwihangira imirimo ibyara inyungu, gukorera mu makoperative no gukorana n'ibigo by'imari, muri ubu bukangurambaga Abagore 10 baremewe igishoro cya **388,000 Frw** kibafasha gutangira ubucuruzi buciriritse, Umugore yahawe imashini idoda ifite gaciro ka **70,000 Frw**, Abagore **60** bibumbiye mu makoperative **3** banafunguza konti muri **COOPEDU.**

2. Hakozwe ibikorwa bitandukanye byo kuremera imiryango itishoboye, Umugore yahawe ibiribwa bifite agciro ka **355,000 Frw** , Imiryango **3** yorojwe ihene zifite agaciro ka **350,000 Frw**, Imiryango **7** yorojwe inkwavu zifite agaciro ka **21,000** frw, Abantu **433** baremewe MUSA bifite agaciro ka **1,300,000 Frw.**

**2.INTARA Y'IBURASIRAZUBA**

**1. KARERE KA NGOMA**

**Imiyoborere myiza**

Hakozwe amahugurwa ya Komite z'Umugoroba w'Ababyeyi mu Midugudu **473**, hahuguwe abantu **3,247**.

**Ubukungu**

1. Hakozwe igikorwa cyo gutera inkunga amatsinda agizwe n'umubare munini w'abagore, amatsinda abiri agizwe n'Abagore **20**, bahabwa amafaranga angana ni **200 000** kuri buri tsinda ni ukuvuga ibihumbi **400 000** ku matsinda abiri.

2. Hakozwe ubukangurambaga ku gukorana n'ibigo by'imari no gusaba inguzanyo, bahawe ibiganiro byatanzwe binyuze mu mugoroba w'ababyeyi, inama ku Mirenge, ibyo biganiro byitabirwa n'abantu bagera kuri **1, 065** (**Abagore 678 n'Abagabo 387**), ku bufatanye na unite ya BDE ndetse n'Umukozi Ushinzwe Uburinganire n'Iterambere ry'umuryango.

3. Hakozwe igikorwa cyo kuremera abatishoboye ibintu bitandukanye birimo amatungo magufi n'amaremare, ibyo kurya , ibyo kwamabara,

**II. IBIKORWA BY’INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018.**

| IBIKORWA BYAKOZWE | UMUSARURO BYATANZE |
|---|---|

iby'ubwubatsi, ibikoresho by'isuku n'ibikoresho byo murugo bitandukanye. Byose hamwe bifite agaciro ka miliyoni **5,801,850** z'amafaranga y'u Rwanda.

**Imibereho myiza**

1. Habaye ubukangurambaga mu gukangurira abagore kugira isuku aho batuye no kurwanya imirire mibi ku bana. Muri ubu bukangurambaga hakurungiwe **amazu 354**, hubakwa ubwiherero **1,518**, hasakarwa ubugera ku 100, mu midugudu **243**, ababyeyi bigishijwe gukora uturima tw’igikoni no gutegura indyo yuzuye, abahuzbikorwa ba CNF 72 mu Tugari n’imirenge bahawe ibiganiro mu kugira isuku aho batuye. Hakozwe Ubukangurambaga ku buzima bw’imyororokere mu bigo byamashuri, hatanzwe ibiganiro ku buzima bw’imyororokere mu bigo by’amashuri **52**, bigera ku **banyeshuri 8,420 (Abakobwa 5,340 n'abahungu 3,092).**

2. Hakozwe igikorwa cyo kuremera abatishoboye: Haremewe **Abagore 205** n'umugabo 1, bahabwa ibintu bitandukanye amatungo, ibyo kwambara, ibyo kurya, ibikoresho by’ isuku; **Abagore 90** batewe inkunga ingana na **18,000,000** by'amafaranga y'u Rwanda, ku buryo byafashije abagore gucuruza utuntu duke bikaba byarabakuye mu bukene bukabije.

3. ababyeyi bashishikarijwe kwandikisha abana mu bitabo by’irangamimerere, Abana bagera kuri **2,787** banditswe mu bitabo by'irangamimerere.

4. Imiryango ibana bitemewe n’amategeko yashishikarijwe gusezerana byemewe n'amategeko, Imiryango igera kuri **316** isezerana byemewe n’amategeko, abagize Komite zo gukemura amakimbirane z’utugari twose uko ari **64** bahuguwe ku itegeko ry’umuryango.

5. Hakozwe ubukangurambaga ku kurwanya ihohoterwa rikorerwa abagore n’abakobwa bwitabirwa n’abamotari **80** bose ni abagabo.

6. Hakozwe ubuknngurambaga mu gukumira gutwita kw’abangavu no gufasha abahuye n’icyo kibazo, muri ubu bukangurambaga habaruwe abangavu **249** babyaye kuva muri Mutarama 2017 kugeza Ukwakira 2017, abagera kuri **111** baraganirijwe, aho bamwe bagaragaje ko bifuza kwiga umwuga abandi gukora udushinga duciriritse tubyara inyungu.

| II. IBIKORWA BY'INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018. | |
|---|---|
| **IBIKORWA BYAKOZWE** | **UMUSARURO BYATANZE** |

**2. AKARERE KA GATSIBO**

**Ubukungu**

1. Hakozwe ubukangurambaga bwo gukangurira Abagore kwibumbira mu matsinda yo kuzigama no kugurizanya, gukorana na BDF n'ibigo b'imari. Muri ubu bukangurambaga havutse **amatsinda 2** aboha ibikapu n'imikeka akaba agizwe n'abanyamurwango **30 andi 2** aboha ibiseke, **6** yo kubitsa no kugurizanya, itsinda rimwe rya dusasirane rigizwe n'**Abagore 20**. **Abagore 5** bagannye ibigo by'imari, **Abagore 84** bamaze gutinyuka kwaka inguzanyo.

2. Abagore n'Abakobwa batishoboye baremewe ibintu bitandukanye birimo amatungo magufi n'amaremare, ibyo kurya , ibyo kwamabara, iby'ubwubatsi, ibikoresho by'isuku n'ibikoresho byo murugo bitandukanye. Byose hamwe bifite agaciro k'ibihumbi **697,200** by'amafaranga y'u Rwanda.

**Imibereho myiza**

1. Ababyeyi bakanguriwe kwita ku burere n'uburezi bw'abana babo no gusubiza mu ishuri abana baritaye, muri iki gikorwa, abana 14 (Abakobwa 8 n'Abahungu 6) bari barataye ishuri kukigo cya MUHURA EAR barisubiyemo.

2. Hakozwe ubukangurambaga bwo gukangurira abagize umuryango kugira isuku no kugira imirire myiza, muri ubu bukanguramga hakurungiwe amazu 3,303 ku mazu 2,500 yari yarabaruwe, hatanzwe amabati 3 yo kubaka ubwiherero, hubatswe uturima tw'igikoni 1,120 kuri 700 twari twarateganyijwe mu gihembwe, habaruwe abana 19 bafite imirire mibi hashyirwaho Komite yo kubakurikirana, 8 bamaze gukira, 10 bameze neza, 1 niwe ugifite ikibazo ariko arimo kwitabwaho.

**Imiyoborere myiza**

1. Hakozwe ubukangurambaga bwo kurwanya amakimbirane mu muryango, muri ubu bukangurambaga imiryango 115 yari ibanye mu makimbirane yarasuwe igirwa inama , 24 ubu ibanye neza, imiryango 161 yabanaga mu buryo butemewe n'amategeko yarasezeranye. Hakozwe amahugurwa ku

| II. IBIKORWA BY’INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018. | |
|---|---|
| **IBIKORWA BYAKOZWE** | **UMUSARURO BYATANZE** |

kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina yamaze iminsi 10 ku bufatanye na RWANDA Women’s Network, MINIJUST, CNF n’Akarere, yahawe Abagore 36 bashinzwe ubutabera muri Komite ya CNF kuva ku rwego rw’Umurenge kugeza ku Karere.

**3. AKARERE KA KAYONZA**

**Ubukungu**

1. Abangavu babyariye iwabo 60 bahawe amahugurwa ku uburyo bwo gutegura imishinga iciriritse no gukorana n’amabanki ku nsanganyamatsiko igira iti: “Uruhare rw’imishinga iciriritse mu iterambere ry’umuryango”. Abandi 46 barimo kwiga kudoda n’ibikorwa byo muri Salon de coiffure.
2. Imiryango itishoboye igizwe n'Abagore 119 n'Abagabo 25, yaremewe Ihene 90, ibitenge 87, ibikoresho by’isuku, amabati 264, matela 23, mituweli ku miryango 64 bifite agaciro ka miliyoni 4,070,000 z'amafaranga y'u Rwanda.

**Imiyoborere myiza**

1. Hakozwe ubukangurambaga ku gukumira no kurwanya indwara ziterwa n’imirire mibi n’umwanda. Muri ubu bukangurambaga mu Mirenge ya Kabarondo, Kabare, Murundi na Murama mu bana bari hasi y’imyaka 5 umubare hagati ya 65-75% w’abana bari mu mutuku bawuvuyemo. CNF n’ubuyobozi bakoze ubuvugizi ingo 150 zibona amabati yo kubaka ubwiherero. Amabati yakusanyijwe mu murenge wa Rwinkwavu, Murundi na Mwiri. Hakurungiwe amazu 38 mu muganda udasanzwe w’abagore, hubatswe uturima tw’igikoni 24.
2. Hokozwe ubukanguramba ku bantu 50 (Abakobwa 37 babyariye iwabo, abahagarariye clubs z’isuku n’abahárariye urubyiruko mu midugudu 13 b'Abahugu) muri buri Murenge bugamije gukangurira abaturage gutangira amakuru ku gihe kugirango hakumirwe ihohoterwa rikorerwa mu miryango. Imiryango 16 yarasezeranye nyuma y’ubukangurambaga bwakozwe na CNF mu mirenge ya Rwinkwavu, Kabarondo na Kabare .

**4. AKARERE KA NYAGATARE**

**Ubukungu**

1.Hakozwe ubukangurambaga ku kurwanya ubukene mu muryango dutoza abawugize kwitabira umurimo, kwiga umwuga, gukorana n’ibigo by’imari

| II. IBIKORWA BY’INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018. | |
|---|---|
| **IBIKORWA BYAKOZWE** | **UMUSARURO BYATANZE** |

n’amabanki kandi bakoresha ikoranabuhanga. Muri ubu bukangurambaga Abagore n'Abakobwa 75 bahuguwe gukora (amasabune, amarange, imitako no kwandika ku byapa) ku bufatanye na future for tomorrow foundation.

Abagore 10 bo mu Murenge wa Rwimiyaga bibumbiye hamwe batangira gukora ubucuruzi buciriritse aho batangije ibihumbi 600,000. Hakozwe ubukangurambaga k'urubyiruko rugera kuri 35 (Abakobwa 28 n'Abahungu 7) rusabwa kwitabira amahugurwa atangwa na Centre Culturel TVET ku bufatanye na WDA; Abigishijwe bahawe impamyabumenyi ku mirimo y'amaboko ( Gufuma, kuboha ibiseke bahahiramo, Imirimbo y'abagore n'ingofero zambarwa na bose n'ibindi…).

2. Hakozwe ubukanbgurambaga abagore bashishikarizwa gukora imishinga kugirango babone inkunga itangwa na LCF. Muri ubu bukangurambaga Abagore barenga 100 bibumbiye mu ma Kooperative atandukanye bize kwigira mu buryo burambye, koperative 4 zatanze imishinga muri yo ibiri (Meze Fresh na Ushoni wa Nguwo) yahawe inkunga ya LCF.

3. Imiryango itishoboye yaremewe Inka: 29, Ihene: 731, Ibishyimbo: 1010Kgs, Ibigori 2000kgs, Mutuelle de sante 64, n'ibindi bikoresho byo mu nzu), ibitenge 219, matela 261, guhemba imigoroba y’ababyeyi 14, guhemba ba malayika murinzi 14. Byose hamwe bifite agaciro ka miliyoni 32,504,050 z'amafaranga y'u Rwanda.

**Imibereho myiza**

1. Hakozwe ubukangurambaga kuguteza imbere imirire myiza mu muryango by’umwihariko mu bana bari munsi y’imyaka itanu. Muri ubu bukangurambaga Inama y'igihugu y'abagore yoroje inaremera imiryango itishoboye igizwe n'abantu 133 (Abagore 86 n'Abagabo 47) inka, ihene, intama n'ibindi (Inka: 4, Ihene: 69, Ibishyimbo: 1010Kgs, Ibigori 2000kgs, Mutuelle de sante 64, n'ibindi bikoresho byo mu nzu). Hubatswe uturima tw'igikoni turenga 1,000 mu midugudu hakorwa n'igikoni cy'umudugudu muri buri Kagali.

2. Hakozwe igikorwa cyo kwigisha abagore bakuze kwandika, gusoma no kubara, mu Murenge wa Katabagemu abagore 180 bigishijwe n'abahuzabikorwa b'Inama y'Igohugu y'abagore ku rwego rw'utugali.

| II. IBIKORWA BY'INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018. | |
|---|---|
| **IBIKORWA BYAKOZWE** | **UMUSARURO BYATANZE** |

**5. KARERE KA KIREHE**

**Ubukungu**

1. Abagore n'Abakobwa 198 bakoraga umwuga wo kwicuruza bongererewe ubushobozi mu kwiteza imbere. Abagore n'abakobwa 1, 559 bakanguriwe gukorana n'Umurenge SACCO n'ibindi bigo by'imari.

2. Abana b'abakobwa batewe inda b'abangavu 28 bigishijwe imyuga naho 120 bahabwa ihene no kwigisha abana b'abakobwa kwirinda ingeso y'ubusambanyi mu rwego rwo kwirinda inda zitateganyijwe n'izindi ndwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.

**Imibereho myiza**

1. Abagore n'Abakobwa batazi gusoma, kwandika no kubara bakanguriwe kwitabira amasomero (inama z'ubukangurambaga), aho Abagore n'Abakobwa 987 bitabiriye amasomero.

**6. AKARERE KA RWAMAGANA**

**Imiyoborere myiza**

1. Hakozwe ubukangurambaga mu mashuri yose ya 9 na 12 YBE ari mu Karere, ibiganiro byatanzwe ku ndangagaciro ziranga umwana w'umunyarwanda no kurwanya gutwita kw'abangavu , byageze mu mashuri 40 ku bana 20,315.

**Ubukungu**

1. Abagore bakanguriwe kwitabira ibikorwa by'iterambere, gukorana n'ibigo by'imari no kwihangira imirimo. Abagore 140 bafashijwe (coaching) gukora business plan, muri bo 42 bakoze imishinga iciriritse, 76 bamaze guhabwa inguzanyo.

**3. INTARA Y'AMAJYEPFO**

| II. IBIKORWA BY'INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018. | |
|---|---|
| **IBIKORWA BYAKOZWE** | **UMUSARURO BYATANZE** |

**1. KARERE KA GISAGARA**

***Ubukungu***

**1.** Hakozwe ubukangurambaga ku bagore mu kwihangira imirimo: muri ubu bukangurambaga Abagore **1,793**, Abagabo 1,889 bibumbiye mu matsinda 285.

2. Hakurikiranywe amakoperative **7** yahawe inkunga ya miliyoni **20.000.000** hagomba kwishyurwa miliyoni **16,000,000** gusa.

***Imibereho myiza***

**1.** Imiryango **341** yahuguwe ku ruhare rw'umugabo mu iterambere ry'Umuryango,

2. Abana b' abangavu 105 babyaye mu myaka itandukanye baraganirijwe ku kwirinda inda zitateganyijwe no kunywa ibiyobyabwenge kandi **16** bagejeje ibirego kuri MAJ.

***Imiyoborere myiza***

1. Hakozwe Inama Rusange ku nzego zose za CNF

2. Abagore n'Abakobwa bashishikarijwe kwikosoza kuri lisiti y'itora mu rwego rwo kwitegura amatora y'abadepite ateganyijwe muri Nzeri 2018.

3. Hakozwe ibikorwa ibitandukanye birimo: Kwibuka Jenoside yakorewe abatutsi muri 1994, Gukurikirana imikorere y'Umugoroba w'Ababyeyi, hakozwe urugendo rwo kwamagana ihohoterwa rikorerwa abagore n'abakobwa ku nsanganyamatsiko igira iti: "RWANYA IHOHOTERWA RIKORERWA UMUGORE N'UMUKOBWA, WIRIHISHIRA". Hitabiriye abantu 1,379, abagore 858 n'abagabo 621.

| II. IBIKORWA BY'INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018. | |
|---|---|
| **IBIKORWA BYAKOZWE** | **UMUSARURO BYATANZE** |

**2. KARERE KA HUYE**

***Ubukungu***

1. Hakozwe ubukangurambaga ku bagore mu kwihangira imirimo: Muri ubu bukangurambaga Abagore **30** bakoze ubworozi bw'ingurube, Abagore **189** batangiye umurimo wo kuboha ibikapu by'amasaro, Abagore **43** batangiye umurimo wo guhinga imboga, Abagore **60** batangije Koperative NEZERWA yorora amatungo magufi, Abagore **34** batangije Koperative URUMURI borora amafi, Abagore **40** batangije umurimo wo guhinga ibihumyo.

2. Hakozwe ubukangurambaga ku kwiga imyuga, muri ubu bukangurambaga Abagore 218 batangiye kwiga amashuri y'ubumenyingiro.

***Imibereho myiza***

1. Hakozwe igikorwa cyo kuremera: Haremewe umuryango wabyaye abana 3, bamugenera amafaranga ibihumbi 197,000 Frw, Matelas 1 yo kuryamishaho abana, ibiringiti 2, igitenge 1 cy'umubyeyi, imyenda y'abana n'ibigoma, ibasi 1, imiti 18 y'isabune, akadobo ka OMO, umufuka w'umuceri 55kg akaunga, isukari 56 kg, ifu y'igikoma 3kg, amavuta, ibiro 89 by'ibishyimbo, bingana n'amafaranga ibihumbi 158,100 Frw. Imiryango 16 yahawe ingurube 16 zihwanye n'amafaranga 320,000 Frw.

2. Hakozwe ubukangurambaga mu kurwanya imirire mibi. Muri ubu bukangurambaga hubatswe uturima tw'igikoni **2,271.** Imiryango 14 yahawe litiro 161 z'amata ahwanye n'amafaranga 260,000 Frw.

3. Hakozwe umuganda udasanzwe w'isuku, aho muri uyu muganda hakurungiwe amazu 356 mu Mirenge 14. Hatewe ibiti 8,000 mu rwego rwo kurwanya isuri.

**3. KARERE KA NYAMAGABE**

***Imiyoborere Myiza***

| II. IBIKORWA BY'INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018. | |
|---|---|
| **IBIKORWA BYAKOZWE** | **UMUSARURO BYATANZE** |

1. Hakozwe ubukangurambaga mukurwanya ihohoterwa rikorerwa mungo binyuze mu minsi 16 yahariwe kurwanya ihohoterwa rikorerwa mungo mukarere kose.

***Imibereho Myiza***

1. Hakoze ibikorwa bitandukanye birimo kuremera ECD HOME BASED 3, hatangwa ifu y'igikoma ya Sosoma 110 kg, kaunga 50 kg, Isukari 75 kg, imikeka 5, ibikombe 55 byo kunyweramo, kubufatanye na World Vision, SOS Gikongoro.
2. Hakozwe ubukangurambaga ku kurwanya imirire mibi no kugira isuku mu ngo, aho muri ubu bukanguramabaga hubatswe uturima tw'igikoni 2,271, hubatswe kaandi ubwiherero 53 buhwanye n'amafaranga ibihumbi 43,000 Frw.

**4. KARERE KA RUHANGO**

***Imibereho Myiza***

1. Hakozwe ibikorwa bitandukanye aho umiryango itishoboye yaremewe Umuceri 250 kg, Kaunga 100 kg, amavuta yo guteka 50 l, imiti y'isabune 24, ibishyimbo 20 kg.

**5. KARERE KA NYARUGURU**

**Ubukungu**

1. Hakozwe ubukangurambaga ku kwiga amashuri y'imyuga muri ubu bukangurambaga Abakobwa 28 babyariye iwabo n'abahungu 10 babaga mu biyobyabwenge bose bize imyuga bahabwa certificats.

**6. KARERE KA MUHANGA**

1. Habayeho igikorwa cyo kuremera abarangije amashuri y'imyuga, aho Abarangije mu mashuri y'ubumenyingiro bagera kuri **142** bahawe ibikoresho by'ibanze. Abagore **76** n'abagabo **66**, bahawe ibikoresho by'ibanze bihwanye na miliyoni **33,440,000** z'amafaranga y'u Rwanda.

| II. IBIKORWA BY’INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018. | |
|---|---|
| **IBIKORWA BYAKOZWE** | **UMUSARURO BYATANZE** |

**4. INTARA Y’AMAJYARUGURU**

**1. AKARERE KA GICUMBI**

1. Habaye ubukangurambaga mu gushishikariza abagore kwihangira umurimo, aho muri ubu bukangurambaga, Abagore 867 bihangiye imirimo mishya itari iy'ubuhinzi. Abagore 660 bashishikarijwe gukorana n'ibigo by'imari k’ubufatanye na world vision n'imirenge. Abagore 1,346 bagannye ibigo by'imari bafunguza compte naho Abagore 79 bajyanye imishinga yabo iciriritse (SMES) mu bigo bibafasha kuyinoza ngo ihabwe inguzanyo.

2. Hakozwe ubukangurambaga bwo kurwanya imirire mibi, muri ubu bukangurambaga hakozwe uturima tw'igikoni 8,765 dushya kandi igikorwa kirakomeje

3. Hakozwe ubukangurambaga ku kurwanya ihohoterwa no kwigisha abana b’abakobwa kwirinda inda zitateganyijwe, muri ubu bukangurambaga bwageze kubantu **1600** kuri GS Bisika , **3000** kuri GS Kageyo, **1500** kuri GS Rubaya.Ubukangurambaga bwari bufite insanganyamatsiko igira iti “Ejo hazaza heza hari mu binganza byanjye” ibi byakozwe k’ubufatanye na GMO, Unit Club, MIGEPROF na MINEDUC. Hirya no hino mu mirenge kandi hasuwe ibigo by'amashuri bitandukanye: GS Gitega, ES Kamutora, GS Muyumbu, EP Karambo, Gs Giti, Gs Muyumbu. Habaruwe imiryango 2,143 ibana mu makimbirane muri yo 377 ibana mu makimbirane akabije. Muri iyi miryango kandi hasuwemo 132 iraganirizwa kandi igirwa inama. Hakomeje kandi igikorwa cyo gusezeranya imiryango ibana idasezeranye yabikanguriwe mu kwezi ku muryango n’ukwezi kw’irangamimerere. Hasezeranye imiryango 719 hasigaye imiryango 1,952.

4. Hakozwe ubukangurambaga bwo gushishikariza abagore kwimakaza umuco w'isuku n'isukura, aho muri ubu bukangurambaga mu mirenge yose hakozwe gahunda yo gukurikirana isuku n'isukura mu ngo, kubana no kubagize umuryango bose. Byakozwe k’ubufatanye n’urugaga rw’abagore. Hakurungiwe amazu 567. Hubatswe ubwiherero 1,234 ku miryango itishoboye kubufatanye n’abandi baturage mu miganda.

5. Habayeho ibikorwa bitandukanye byo kuremera abatishoboye, aho ibyaremwe byose bifite agaciro ka miliyoni 4, 772,770 z'amafaranaga y'u Rwanda.

| II. IBIKORWA BY'INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018. | |
|---|---|
| **IBIKORWA BYAKOZWE** | **UMUSARURO BYATANZE** |

**2. KARERE KA RULINDO**

1. Hakozwe ubukangurambaga ku mategeko arengera umuryango ku bufatanye n'ubuyobozi bw'Akarere mu kwezi kw'imiyoborere myiza, abagore bakanguriwe amwe mu mategeko abarengera harimo itegeko ry'umuryango n'irya GBV. Abahuguwe bose hamwe ni 6321 mu mirenge yose igize akarere ka Rulindo.

2. Hakozwe umuganda wihariye w'Abagore, mu rwego rwo gukemura bimwe mu bibazo bya Human Security hakozwe umuganda wihariye ugamije kwimakaza isuku aho hakurungiwe amazu **17** hanakorwa ubukangurambaga bugamije kwimakaza isuku ku bagore **9,261.** Abagore kandi bubakiye mugenzi wabo inzu imwe ( 1 ) mu murenge wa Rukozo na toilette 5 mu mirenge ya Base, Rukozo na Tumba, bafashije kandi mu gikorwa cyo guhandura amavunja ku bantu 27 bari bayarwaye. Ku bufatanye n'inzego z'ibanze abana bari barataye ishuri bagera kuri **238** barisubijwemo.

3. Habaye igikorwa cyo kuremera abagore batishoboye, muri iki gikorwa Abagore bigaragara ko bugarijwe n'ubukene bararemewe mu buryo bwose bushoboka. Mu rwego rwo kwiteza imbere, abagore batishoboye **142** baremewe inka n'amatungo magufi.

4. Abagore n'Abakobwa bashishikarijwe kwihangira umurimo, Abana b'abakobwa babyaye n'abatwite **74** bafashijwe gutanga ibirego muri Polisi, mu rwego rwo gukurikirana ababakoreye iryo hohoterwa. Hanashyizweho amatsinda **45** yo kwiteza imbere ku bana babyariye iwabo.

**3. KARERE KA MUSANZE**

1. Hakozwe Inama yo gufata ingamba kuri human security, Iyi nama yabaye kuwa 20 werurwe 2018 mu rwego rwo gukemura ibibazo bya human security no guhuza raporo yo umunsi mpuzamahanga w' umugore Byabereye ku biro by' Akarere hitabiriye abantu 40.

2. K'ubufatanye na **RWAMREC**, hakozwe ubukangurambaga kuri GBV, bugera ku bantu 6, 012 .

3. Hakozwe ubukangurambaga bwo gushishikariza igitsina gore kwitabira kwiga imyuga binyuze mu mugoroba w' ababyeyi wabereye GATARAGA kuwa 15 Gashyantare 2018. Aho abagera **153** bo mu mirenge ya MUHOZA, GATARAGA , GACACA, MUKO, RWAZA biyandikishije.

| II. IBIKORWA BY'INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018. | |
|---|---|
| **IBIKORWA BYAKOZWE** | **UMUSARURO BYATANZE** |

**4. KARERE KA GAKENKE**

1. Hakozwe ubukangurambaga mugushisihikariza abagore n'abakobwa gahunda ya NEP Kora wigire aho Abagore bakorana n'imirenge SACCO bavuye ku bihumbi **43,236** bagera ku bihumbi **43,826** Abagore bakorana n'imirenge **SACCO** biyongereyeho **590.** Hatangijwe amatsinda **24** y'abagore agamije kubitsa no kugurizanya mu mirenge itandukanye. Abagore bahagurukiye kwiteza imbere binyuze mu gihingwa cya Kawa, ku bufatanye na Sustainable Harvest in Rwanda. Abagore bibumbiye mu matsinda **128** y'Abagore **3,692** agamije guteza imbere igihingwa cya Kawa bahawe amahugurwa ku buringanire n'iterambere ry'umugore.
2. Hakozwe ubukangurambaga ku Isuku n'isukura, muri ubu bukangurambaga habaruwe ingo **421** zidafite ubwiherero bwujuje ibyangombwa abagore bagize uruhare mu kuvugurura ubwiherero **42** mu mirenge itandukanye. Hakurungiwe amazu y'abatishoboye **24** mu mirenge itandukanye abantu **227** kuri **231** bari bayarwaye bakize amavunja.
3. Hakozwe ubukangurambaga ku kurwanya guta ishuri kw'abanyeshuri, aho muri ubu bukangurambaga mu karere hose habaruwe abana bari barataye ishuri **1,112** muri bo **564** bagaruwe mu ishuri.
4. Hakozwe ubukangurambaga ku gukangurira abagore gahunda ya ECD, aho muri ubu bukangurambaga ababyeyi bakanguriwe kujyana abana babo mu bigo mbonezamikurire. Abana **121** bagannye ikigo mbonezamikurire gishya cya Nemba.
5. Hakozwe ubukangurambaga ku gukangurira imiryango kuba umuryango w'agaciro, aho muri ubu bukangurambaga hasuwe imiryango **97** ibanye mu makimbirane mu miryango **124** yari yarabaruwe. Mu miryango **97** yasuwe ikagirwa inama iyi subiyeho ibana neza kugeza ubu ni **71**.

Habaruwe abangavu **316** batewe inda ubu bakaba bari kuganirizwa no kwigishwa uburenganzira bwabo n'ubw'abana babyaye.

**5. KARERE KA BURERA**

1. Hakozwe ubukangurambaga ku guhanga umurimo no kuwunoza, muri ubu bukangurambaga Abagore n'abakobwa bakanguriwe kwitabira amashuri atanga ubumenyingiro, Abagore n'Abakobwa biyandikishije kuzajya kwiga mu mashuri yigisha ubumenyingiro (bungwe, butaro na kabona), hamaze

| II. IBIKORWA BY'INGENZI BYAKOZWE N'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2017-2018. | |
|---|---|
| **IBIKORWA BYAKOZWE** | **UMUSARURO BYATANZE** |
| kubarurwa muri rusange abakobwa **491**.<br>2. Hakozwe ubukangurambaga ku kurwanya ihohoterwa rikorerwa mu ngo n'irikorerwa umugore n'umukobwa, aho mu midugudu yose **571** hokozwe umugoroba w'ababyeyi Igikorwa cyakozwe mu mirenge yose uko ari 17. (Habaruwe abakobwa 491) babyaye inda zidateganyijwe. Hatanzwe ibiganiro mu mirenge yose uko ari **17** bigamije kurwanya no gukumira ihohoterwa rikorerwa umugore n'umwana w'umukobwa, abakobwa **136** babyaye inda zitateganijwe baremewe ibintu bitandukanye(imyamabaro ,ibikoresho,ibiribwa)bifite agaciro **230 000** frw. | |

**5. INTARA Y'UBURENGERAZUBA**

| NO | UTURERE | IBYAGEZWEHO | INGANO YABYO | AGACIRO |
|---|---|---|---|---|
| 1 | **NYAMASHEKE** | ❖ Guhemba umugore w'Indashyikirwa<br>❖ Guhugura komite za anti GBV<br>❖ Hasezeranyijwe imiryango ibana mu buryo butemewe n'amategeko<br>❖ Hakozwe umugoroba w'ababyeyi udasanzwe | ❖ Umugore 1<br>❖ Utugari 68<br>❖ Imiryango 32<br>❖ Mu midugusu 588 | 200 .000 Frw |
| 2 | **RUSIZI** | ❖ Hahuguwe abagore n'abagabo ku burenganzira bw'umwana<br>❖ Hakanguriwe komite za CNF gahunda y'Ubuzima<br>❖ Hakozwe ubukangurambaga ku kurwanya ihohoterwa no kwirinda inda zitifuzwa<br>❖ Hakozwe amahugurwa ku miryango ibana mu makimbirane | ❖ Abagore 550 n'abagabo 400<br>❖ Abagore 112<br>❖ Abagore 2000 n'abagabo 1500<br>❖ Imiryango 315<br>❖ Abantu 40 (25 abagore 15 abagabo) | 1.350.000 Frw |

| NO | UTURERE | IBYAGEZWEHO | INGANO YABYO | AGACIRO |
|---|---|---|---|---|
| | | ❖ Hakozwe inama n'inzego z'ibanze mu rwego rwo kurwanya ihohoterwa n'akarengane | ❖ Abantu 6.000 baritabiriye | |
| 3 | **NGORORERO** | ❖ Gukingira iseru Abana bari hagati y'amezi (9-11)<br>Abana bari hagati y'amezi 12-59<br>❖ -Gutanga Vit A<br>* Abana bari hagati y'amezi 9-11<br>* Abana bari hagati y'amezi 12-59<br>❖ Gutanga ibinini by'inzoka :<br>* Abana bari hagati y'amezi 12-59<br>❖ Gusezeranya imiryango<br>❖ Hakemuwe ibibazo (hakiriwe 100)<br>❖ Kubarura abana bataye ishuri<br>❖ Kugenzura isuku mu mashuli<br>❖ Hakozwe amahugurwa ya komite za CNF | ❖ 3.364<br>❖ 45749<br>❖ 5842<br>❖ 46012<br>❖ 46061<br>❖ Imiryango 162 yarasezeranye<br>❖ Hakemuka 84/100 byari byakiriwe<br>❖ Primaire:375<br>❖ Secondaire:4649<br>❖ Hagenzuwe ibigo 13<br>❖ Coordinators 73 b'Utugari na 13 b'Imirenge | |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 4 | **KARONGI** | ❖ Hahembwe koperative yiteje imbere,<br>❖ Hatanzwe inka<br>❖ hatanzwe ikigega cy'amazi, n'imirasire y'amashanyarazi<br>❖ Hasezeranyijwe imiryango ibana mu buryo butemewe n'amategeko<br>❖ Hahuguwe abagize komite yo kurwanya ibibibazo ku rwego rw'Akagari ku itegoko ry'umuryango | Koperative imwe<br>Inka 34<br>Imiryango 50 muri Bwishyura na Rubengera<br>Utugari 88 bose babonye amahugurwa | 200.000 Frw<br>12.400.000 Frw |
| 5 | **RUTSIRO** | Gushimira Malayika murinzi bane | IHENE 4 | 92000 |
| | | Kuremera abatishoboye kubufatanye na ba Mutimawurugo ba Diasora | IHENE 226 | 4600000 |
| | | Hashimiwe kandi abagaragayeho kugaragaza ihohoterwa | INTAMA 4 | 73000 |
| | | Kuremera abatishoboye muri MUSA | MUSA 355 | 765000 |
| | | Kuremera ababyeyi bo mu cyiciro cyambere batishoboye | AMASUKA 57 | 105450 |
| | | Gufasha imiryango ikennye yagaragayeho isuku nke | AMASABUNE TIGE 120 | 60000 |
| | | Gufasha imiryango ikennye yagaragayeho isuku nke | AMABASE 96 | 192000 |
| | | Kuremera abangavu batwaye inda z'imburagihe batishoboye biyemeje guhinduka | IMASHINI ZIDODA 12 | 120000 |
| | | Kuremera abangavu batwaye inda z'imburagihe batishoboye biyemeje guhinduka | IBITABARO BYO KUDODA(roulaux) 36 | 637500 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | Kuremera amatsinda akora neza ahabwa igishoro cyogukora akiteza imbere na Handicap/International | AMAFARANGA KU MATSINDA ARINDWI 300.000 Frw | 2100000 |
| | | Kuremera koperative yagaragaje ibikorwa byo kuzamura abagore | AMAFARANGA 120.000 | 120000 |
| | | Gushyikiriza umugore utishoboye inzu yubakiwe nab a mutimawurugo | Inzu 1 | 3500000 |
| **Agaciro k'ibyaremewe mu karere ka Rutsiro ni** | | | | **12,364,950 Frw** |

## VI. IMBOGAMIZI ZAGARAGAYE

### 1. Imbogamizi mu gutanga raporo

Nkuko bigaragara muri iyi raporo hari uturere 25 twatanze raporo aho kuba 30

Uturere dutanu tutatanze raporo ni:

Akarere ka Nyanza na Kamonyi muntara y'Amajyepfo

Akarere ka Nyabihu na Rubavu mu ntara y'Iburengerazuba

Akarere ka Bugesera mu ntara y'Iburasirazuba.

Mu turere tumwe na tumwe raporo zitangwa hari amakuru zitagaragaza neza, urugero: Imibare yabitabiriye (Abagabo, Abagore) igikorwa cyakozwe, abafatanyabikorwa n''uruhare rwabo mumigendekere myiza y'igikorwa.

### 2. Imbogamizi mu gutegura Inama ziteganywa n'itegeko

Indi mbogamizi yagaragaye mu gutegura inama ziteganywa n'itegeko, aho byagaragaye ko zitubahiriza igihe cya genwe cyo kuzikora.

## VII. ICYAKORWA

Buri muhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore asabwe gukourikirana itegurwa ry'Inama ziteganywa n'itegeko kandi zikaba mu gihe cyagenwe ndetse no gukora raporo yibikorwa byakozwe ku rwego ahagarariye akayigeza ku rwego rwisumbuye.

Raporo igomba kuba ifite amakuru yose.

## VIII. UMUSOZO

Mu mwaka w'Ingengo y'imari 2017-2018, Inama y'Igihugu y'Abagore yakoranye n'abafatanya bikorwa batandukanye mu rwego rwo kurushaho guteza imbere umugore ndetse no gushyigikira gahunda za goverinoma mu kubaka u Rwanda twifuza.

Mu mwaka w'ingengo y'imari 2018-2019, Inama y'Igihugu y'Abagore izakomeza ubufatanye n'izindi nzego za leta ndetse n'izigenga mu gukomeza guharanira iterambere ry'umugore.